Ikindi uvuze nakumva koko twavuga, niba Inkotanyi zaragiye, zikajya i Bugande, zikajya mu Burundi, zikajya mu majyaruguru ya Zayire, zikaza mu Rwanda, zigashaka abantu bo kuzirwanirira zitwaje ubwoko, zigashaka Museveni, noneho ngo zirashaka gukora «Himaland», ndumva koko, abantu koko, barwana n'abo, bakwiye nabo kumva ko iyi ntambara yo mu Rwanda ibareba, bakaba bahurura abanyarwanda, Abanyarwanda ntidukomeze kurwana twenyine, abantu bakaduhurura, simvuga ngo imbaraga zacu zabaye nke, turacyakomeye, turacyakomeye turakirwanaho turi benshi, ariko nkumva ko koko, abantu bita «des Bantous», bakwiye nabo kumva ko intambara yo mu Rwanda, ko kumara Abahutu bibareba intambara yo mu Rwanda ikaba intambara ya Afrika yose, abantu bakumvako ibareba, ntibibazengo ni Abahutu bashira, noneho ngo bafunge, birekerere iyongiyo, kuko ngo ruriye abandi rutakwibagiwe, ubwo bamaze gufata u Rwanda, bakomeza bakajya muri Zayire bakajya n' ahandi, ubwo rero nkumva ko koko, icyo kintu, ari ikintu abantu bakwiye kumenya ko, niba Abahima barahagurutse bashaka kurwanya Abahutu, Abahutu nabo bahagurutse nta cyaha baba bakoze, cyane cyane ko ataribo batewe, ahubwo byaba ari ukwirwanaho.

Kantano HABIMANA

Urakoze Gahigi n'Ananiya, abumva radiyo RTLM, ndakeka yuko abwirwa benshi akumva beneyo, ndakeka yuko rero Inkotanyi zikwiye kumva ukuri, hanyuma zikicara, naho Museveni uziroha, yamara kuziroha, tukirirwa tuzi... tuzikubita imihini, tuzirasa ho amabombe nawe yibereye muri za Noruveje mu ma hoteri ajya kurya, arimo atembera anezerewe n'umugore we cyangwa n'iki, nabonye umenya, ntabwo ajyana umugore we mu ngendo ahubwo ajyana murumuna w'umugore we, ubwo rero aho yirirwa aho ngaho yinezaza, Inkotanyi ntakamenye ko twazimaze, we aravuga songa mbere aravuga iki! Ibyo aribyo byose, ndakeka yuko bariya bana b'Abatutsi, nta muntu bishingikirije, kuko azabamarisha neza neza, bagashira. Ubwo rero abumva RTLM, mukomeze mugire ubutwari, Inkotanyi nimwumva aho bayivuze, muhurire n'imihini, ubundi murebe ukuntu ikinagira, barirukanka ariko bariya batutsi! yah! Yewe, yewe, yewe, yewe, yewe! Mukomeze mwumve RTLM, ivugira hano i Kigali.

Gaspard GAHIGI

... nibakubwira ngo, ngo ngiye gukoresha inama, nta nama y'Inkotanyi. Nta nama y' inkotanyi, nta nama Inkotanyi yakugira, iyo ikurundanya ni ukugira ngo ikwice. Tukagira ngo rero tubwire abantu, bose, barwana ku gihugu cyabo, barwana ku buzima bwabo, kuba maso koko bakumva ko Inkotanyi nta nama zibagira, ahubwo iyo zibarundanya, ni ukugira ngo zibice. Mwirinde rero kujya mugenda ngo mu... muri quartier, iyo Inkotanyi zibabonye mwirunze agatsiko, zihita zibarohamo ibombe. Kujya muri benshi mukirunda agatsiko ni bibi; mu byerekeye no kwirwanaho, kuko iyo murunze agatsiko, igisasukikabagwamo kirabahitana. Mwirinde kujya mugenda muri benshi, mwirinde kugenda... mugenda mu... mu tubari mugira mute, ngo mwirunde hamwe, iyo mwirundanyije Inyenzi ikabarohamo igisasu mupfa muri benshi. Ariko iyo Inyenzi irashe igisasu, n'iyi cyahitana mugenzi wawe, mwariyemeje kurinda igihugu cyanyu, nikimuhitane mumuhambe, ariko cye kubahitana mwese.

Mwirinde rero kujya mugenda murema udutsiko, udutsiko, kuko ari ibintu bibi mu byerekeye

kwirwanaho. Nagira ngo nsabe, umutekenisiye wacu abashyirireho akaririmbo, bongere babashyirireho akaririmbo k'urukundo, k'urukundo rutagurwa, kuko nta rukundo rugurwa ku munzani, hanyuma mukomeze, mutone nk'uko babivuga mu gisirikare, uha... ufate ibirindiro, ariko mwirinde kujya mwishyira hamwe, kuko hari umuntu wigeze kuvuga ati «iyi ushaka gutwika imbagara urazirundanya», iyo mwirundanyije nibwo Inkotanyi ibaroha mo isasu, mwese mugashira. Mugende, mumenye kujya mwikinga, inkotanyi zitere ibisasu nk'uko Kantano akunze kubivuga, bifate imbeba bifate ubusa, noneho turebane n'Inkotanyi. Kandi nababwiye ko turi mu mahindura, ko ubungubu inkotanyi aho ziri hose zimerewe nabi. Ntabwo ari ukubeshya radiyo RTLМ yiyemeje kubabwiza ukuri, aho Inkotanyi ziri hose ubu mu birindiro, zirimo gusubira inyuma. Ni amahindura rero, mukomeze mukomere. Musique...

...aragira ngo nawe yongere agire icyo avuga, navuze ko amagambo aryoha asubiwemo, yongere agire icyo avuga, kuri iyo ntambara y'Abatutsi ishingiyeye ku moko, twibutsa cyane cyane, ko amahanga azibutsa incuro ya mirongo itanu, itariki esheshatu z'ukwezi kwa gatandatu muri uyu mwaka turimo, ko amahanga yishyize hamwe akarwanya agatsiko ka Hitireri, kashakaga ngo ko ubwoko bw'indobanure bw'Abadage aribwo bwategeka igihugu, ko kuri iyo tariki, twizera ko ya nama izabera muri Kenya, yatumijwe na Perezida w'icyo gihugu, yahuza Abaperezida b'aka karere, ikiga ikibazo iyo nama yabera muri Kenya, ari n'inama izahuza abo bishyize hamwe, b'Abazungu batabaye, bavuga bati «Ntabwo twakwemera ko abantu, intambara ishingiyeye ku moko yayogoza isi yose, ko twizera ko bazatabara, bakumva ko abantu bashingiyeye ku bwoko, batateza akaduruvayo muri iki gihugu». Ananiya rero, amagambo aryoha asubiwemo, ndagirango wongere ugire icyo uvuga kuri iyo ntambara ishingiyeye ku moko, kuri iyo ntambara Abazungu bomokeye i Norumandi kw'itariki ya gatandatu z'ukwezi kwa gatandatu mirongo icyenda... igihumbi kimwe magana cyenda mirongo ine na kane, bakaza ari ingabo, zari ibihumbi, abantu batarabona iyo firime sinema ya, y'iyo ntambara, ni igitangaza!

Twababwiye mu gitondo ko umunsi umwe gusa bomoka, hapfuye abantu ibihumbi mirongo cyenda.

No mu Rwanda hazapfe ibihumbi ijana, ariko abantu batabare bumve ko abantu bashingiye ku bwoko, batagombye kuza ngo bayogoze igihugu. Ananiya nagirango wibutse, ibyo wavuze mu gitondo, ku byerekeye iyo ntambara ishingiyeye ku bwoko.

Ananie NKURUNZIZA

Murakoze Gahigi, mu by'ukuri ahubwo twabivuze ejo, ibyerekeranye n'iriyadebarikoma yo kuri Norumandi, ingabo z'abibumbye zomokera ku myaro ya Norumandi mu gace kaViri na Worune na Kan, twarabivuze, dusanga izo ngabo zaragize ubutwari, ndetse nka jenerari Paton wari uyoboye ingabo z'Abanyamerika za... zomokeye aho bita Viri, ubwatobwe bukimara gusohora urutindo rwa rwabwo, kugira ngo ingabo zomoke, uwari ufite mitrayeze w'Abadage yarabarashe cyane kuko yari ku misozi ihanamye yo kuri iyo myaro ya Norumandi, abarashe noncho, abasirikare uko basohotse bagahura n'amasasu, uko basohotse bagahura n'amasasu, bageze aho baradindira ntibongera gusohoka. Apao... Aba Ofisiye babategekaga bati «musohoke» abandi bati«amasasu aratumaze», nyamara igihe kimaze kugera Jenerari Pato, yarasimbutse, amaze gusimbuka asohoka mbere, mu gusohoka mbere abasirikare ga ahubwobasohoka bagiye kumukingira kugira ngo atagira icyo aba, nuko, debarikoma ikomeza ityo. Murumva ko ayo masasu atahitanye ubusa yahitanye abantu, ariko barurira ya mitrayeze y'Abadage barayifata.

Gahigi rero wabivugaga, intambara ishingiyeye ku bwoko, ubutegetsu bushingiye ku bwoko budashingiyeye ku busabane bw'abantu ngo umuntu amenye ko ari nk'undi, ntaho byajyana umuntu, habe n'iyo yaba ari Hitireri, kabe n'iyo yaba ari Kagame. Icyo gihe uribuka ko Hitireri yararobanuye avuga ko Abadage bafite ubwoko, bagize ubwoko, bwo bita Arienne, ubwo bw'indobanure nk'uko Abatutsi bagiye babivuga mu minsi yashize ko ari ubwoko bw'Imana, ndetse bakavuga ko ari Abafarasha, icyo gihe Hitireri rero akora ibyo ngibyo, yemezaga ko ngo Umudage, n'iyo yaba akubura mu muhanda, aruta umwami w' irindi shyanga iryo ariryo ryose. Aha rero ntaho bitandukaniye n'ibitekerezo bya ba Kagame, yewe n'ibitekerezo bya wa mukecuru w'impunzi nakubwiraga, wigeze kumbwirw ko abahutu atari Abantu, ko Abahutu ari ibikoko.

Tugarutse hirya gato rero kuri iyi ntambara ya Hitireri yarwanye, yarwanye intambara yo kwamagira, twabonye nk'igihe twaganiraga ko, yafashe igihugu cya Otorishe mu ijoro rimwe, bukeye afata icya Poronye, abantu barebera ! Afata ibyo bihugu abantu barareberaga, Abongereza icyo gihe bari bafite imbaraga zikomeye cyane barareberaga, Abanyamerika barareberaga, Abafaransa barareberaga, cyokora barabikinisha, bakagira bati hari ubwo yafashe abaturanyi be twe ntazatugeraho. Mu by'ukuri, amaze ... guhetura ibyo bihugu bari baturanye, ndetse yambutse ku mupaka ugaruka mu Budage bw'uburengerazuba, bwari bwerekeranye n'Ubufaransa hafi ya za Sitrasiburu, hafi ya za Dene ugana mu Bubirigi, niho bagize bati «wa muntu ni ishyano». Nk'ibi by'Inkotanyi, nk'ibi by'aka gatsiko k'Abatutsi kari gukora, kamagira kica Abahutu bo mu Rwanda, gashaka gusatira ab'i Burundi n'abo muri Zaire, ndetse n'abo muri Tanzaniya muri ako gace ka Karagagwe, batzasigara ari bazima.

Ubwo rero iyo ntambara yo kwamagira kwa Hitireri yabaye nk'iy'Inkotanyi, abantu bumve. Nyamara kandi nagira ngo nkubwire ikintu cy'igitangaza, muri uko kwamagira kwa Hitireri wari warateguye ibitwaho n'i... ibikoresho byose nk'uko Inkotanyi na Museveni babiteguye, hariho abaturage bagiye bashinga ibirindiro, nk'Abafaransa cyane cyane, twaje kumenya yuko bashinze ibirindiro, bagakora muvoma yo bita *résistance française*...

Gaspard GAHIGI

I... nagira ngo, Ananiya, nkwiwutse ko koko, uvuze ijamba naringiye kukwibutsa, abo bantu babise *les résistants*. Abo bantu bakoze akazi gakomeye, mu kurwanya umwanzi. Nagira ngo rero mba ... nk'uko Ananiya abivuze, abo bantu, a, Abadage bari bafite ibikoresho bikomeye, ariko abo bita *les résistants*, baragenda bakajya mu mazu y'ingabo z'Abadage, ababibonye mu mafirime, zikaza zirukanka zigenda, noneho umuntu wiswe umurezista, umuntu washinze ibirindiro akemera agafata icyuma akakimutera, akemera agafata imbunda ya yindi bahigisha amasha n'amasirabo akamurasa isasu rimwe akamugarika, (...) rero nibo bise *résistants*, Ananiya ntabwo nguciye mu ijamba nagira

ngo wikome... ukomeze. Ariko tuvuga ko abantu biswe, biswe rezista mu Bafaransa, ari abantu bakoze akazi gakomeye cyane, kugeza n'igihe Guverinoma yari yarahunze, DE GAULLE ari mu Bwongereza, yongeye akagaruka mu Bufaransa akabahasanga. Abo bantu n'ubu barazwi mu Bufaransa, nkavuga ahubwo n'i Kigali, no mu Rwanda, ko abantu bitwa Abarezisita, abantu bemeye gushinga ibirindiro, ko abo bantu baba bazwi, twazatsinda intambara, bagashimwa. Nagira ngo Ananiya nta gukomeza guca mu ijambo ukomeze ariko, abantu bitwa abarezista, abantu biyemeje kurwana ku gihugu cyabo, abantu bitwa... bashinze ibirindiro mu Bufaransa, wenda nta, ntaza kukwibagiza aho wari ugeze, twavugaga iyi ntambara y'isi, tugeze ku barezisita niho nari nguciriye mu ijambo, nagirango ukomeze, ariko no mu Rwanda, tuzagire abo bantu.

Ananie NKURUNZIZA

Urakoze... Gahigi, nari mvuze iryo jambo *résistant* nk'uko ubisubiyemo, cyane cyane ariko mvuga, eh, ko ryatangiye nk'uko nawe wabivugaga mu mugwi wa Kigali. Umugi wa Kigali koko rero, *résistance* yaratangiyeye, n'ubwo itari yafata *forme*, ngo abantu bavugaga bati ilisiti y'abarezisita, ubundi ilisiti y'abarezisita iba ari ibanga, ntawe uyishyira ahagaragara kuko umwanzi iyo abamenye nibo aheraho kwica. Ndagira ngo rero twe twagumye i Kigali, igitekerezo nagumye kucyumva cyane cyane za Nyamirambo hariya aho dutemberera, ukahasanga abantu kandi bajijutse, ari ku mabariyeri, wagiye ubanyuraho, wagiye ubaza cya gihe ukahasanga abantu bajijutse, ugasanga ari kuri bariyeri ukibaza uti se, uyu muntu, uri muri Kigali uhanambiye, udahembwa, bimeze bite? Ngabo rero abarezisita b'u Rwanda, bari i Kigali bari n'ahandi, ngabo abo tuzaheraho dukopera ku byo Abafaransa bakoze, bakumira ibitero bya Hitireri.

Nk'uko wari umaze kubivuga, DE GAULLE amaze gucikana n'igice kimwe cy'ingabo, Guverinoma nayo imaze kugira icyo twakwita *défaillance*, DE GAULLE yageze aho aragaruka, ariko asanga igihugu mu by'ukuri, gifitwe n'abarezisita. Ngirango rero Gahigi n'abandi batwumva, muri Kigali ni cyo turimwo dukora. Ahubwo dukwiye kugiha forume, tugakora *résistance*, muri Kigali, n'aba birukanka, duhora tubwira kuri RTLM ko birukanwa n'ubusa, bazagaruka bakadusanga i Kigali,

tugifashe Kigali.

Bikiri aho rero, twavuga ku bya Hitireri, Hitireri yara, ishyano, ishyano, nk'i ... nk'iri twagushije rya Kagame, ishyano nk'iri ngiri rwose iryo Abanyarwanda bita irya Gashyantare, kuko Hitireri, muribuka, twagiye tubibona muri sinema cyangwa tukabisoma mu bitabo, yashinze ibibunda bikomeye cyane, bimeze nk'ibi Inyenzi zirashisha umujyi, abishinga mu misozi ya Navaroni. Imisozi ya Navaroni rero ihanamye mu Bugereki, ubwo byari bitunze iminwa yabyo nk'ahagana, mu Butariyani, nk'ahagana hariya za Egypte na Libiya, aho ingabo ze ziyobowe na Romeri zari zaragiye kurwana, nuko, bagirango rero begereye ahongaho n'indege zahagera, ibyo bibunda, zi, bya Hitireri, bigahanura izo ndege. Izo mbunda za Navarone rero, bita *les canons de Navarone*, cyangwa abazi icyongereza bakazita *the Guns of Navarone* zari ishyano...

Gaspard GAHIGI

Bakozeho na firime, bakozeho na firime, bakozeho na firime, kuri *les canons de Navarone*, nagira ngo ukomeze.

Ananie NKURUNZIZA

Yee, ubwo rero nabigereranya n'iki kibunda kimwe ejo wabwiye abantu, kiriya cy'Abanyamerika cya mashinigani emu, umenya cyanditseho, emu (inaudible) eh, cya mashinigani kiriya cyo bita M..50, ni nk'ibyo rero, Inkotanyi zari zashinze ku Gisozi, ariko abantu bakomboka, bakagenda bakabifata.

Ngibyo rero iby'imbunda za Navarone, zari zishinze, imizinga yari ishinze Navarone, ikaza rero kujya gufatwa n'abakomando, bo mu ngabo z'abibumbye. Byaba birebire ...umuntu abatekerereje byaba ari inkuru, e, nk'iya senema cyangwa se, yaba ari n'inkuru ishimishije ariko yazakuba ndende, umuntu abatekerereje cyane cyane abo mu ngabo zacu ndumva nzafata akanya, nkayitegura mu buryo bw'incamake, uko Abakomando bagiye gusenya ibyo bibunda bya Navarone. Ibyo aribyo

byose, icyo twavugaga uyu munsu, ni uko Abakomando bagiyeye barabisenya. Kurwana intambara rero ya Hitireri, urebye yageze mu mahindura yayo yanyuma, Hitireri bikamuyobera, hamwe n'iyi debarikoma yo kuri Norumandi yo mu kwezi kwagatandatu kwa mirongo ine na kane, iyi ntambara yamaze mu by'ukuri imyaka itanda, itanu. Burya bayibarira itanu, kuko yatangiye gutengenya gutera, mu mwaka wa mirongo itatu n'icyenda ushyira uwa mirongo ine, iza gukara mu mwaka wa mirongo ine na kabiri, iza noneho guhindura ihinduranye Hitireri, mu mwaka wa mirongo ine na kane nk'uko twabibonye.

Iyi ntambara murumva rero mu kuyirwana, abantu bagomye kwisuganya. Hitireri yari yaje nk'ishyamba nk'iri twagushije rya Kagame. Abantu barisuganya, abantu bashira ubwoba. Bumva Hitireri, wari ufite ibyo bita mu gifaransa *les camps de concentration*, ni ahantu yafungiraga abantu, akahabamarira, a, abacu bo Gahigi yamaze kubabwira, ko abo muri komine ya Murambi babateranyije ku mugaragaro, ba ... kabatwikira hanze, ariko Hitireri we yari afite ibyuma birimo za gaz, izo gaz bakazinjizamo abantu bagafungura, bakamira nkeri. Iyi ntambara rero mu kuyirwana abantu bagombye kwisuganya, abantu, buhoro buhoro bagenda batinyuka Hitireri, ni kimwe n'abo barezisita b'Abafaransa twabonye, abantu buhoro buhoro, amahugu agenda yumva ko icyago cyitwa Hitireri ari icyago, cyitari icyago cy'ishyamba rimwe gusa, ari icyago cy'amahanga yose.

Nibwo ubwo ngubwo Abongereza bahagurukaga barahagarara, baratera nabo batangira kurwana, Abanyamerika nabo bakibaza ko ubwo bari kure y'inyanja, hakurya y'inyanja ya Abatarantika, hari aho Hitireri atazabageraho. Ariko babonye yanze, abaye ibamba, nibwo ubwongubwo nabo binjiye mu ntambara, bityo, n'Abarusiya bari baricecekeye, binjira mu ntambara, Hitireri atsindwa atyo.

Nagira ngo ahari aho mbabwira akantu kamwe mbere yo kurangiza, akantu nabwira nk'ingabo zacu, mu ngabo zacu, ni mwe dukeshya ubuzima, hamwe n'urubyiruko rwacu, kuko abo barumuna banyu murwanana, bo mu mashyamba anyuranye, ni mwe dukeshya ubusugire bwa repuburika Nta wundi tubukeshya Ntababwira rero yuko, Jenerari Paton, warwanaga ayoboye ingabo z'Abanyamerika

zarwanaga, aho agereye mu Butaliyani, bamaze kububohoza, yagiye mu bitaro gusura abasirikare b'inkomere, nizeye n'a...bayoboye ingabo zacu bajya bibuka kujya gusura inkomere z'abasirikare kuko nicyo kintu cya mbere cyonyine, gituma umusirikare iyo akirutse asubira ku rugamba. Ni uko, Komanda we aba yaragiye kumusura. Nuko! Jenerari Pato rero agiye gusura abasirikare, agenda abona abacitse amaguru, agenda abona abo ibisasu byaturikanye, ababwira ati «mukomere» abandi tu bati «turakomeye nidukira tuzaza», nuko aza kugera ku muntu rero w'umusirikare, wari uraho rwose, arahaguruka aramusuhuzza, ati «ese nawe uri umurwayi»? (interruption) uri mu bitaro, atarakomeretse. Cyokora ngo yaje kurakara amukubita urushyi, amukubise urushyi, abaganga bari kumwe baravuga bati «Uramurenganyije, ahari aho yarwaye ubwoba, n'ubwoba nabwo ni indwara». Nagira ngo rero ngabo z'u Rwanda, mwebwe mwo kuzaba nk'abo basirikare bajya mu bitaro batarwaye, mwo kuzaba nk'abandi, sinzi niba babaho, mu ngabo z'u Rwanda, b'ibigwari, ariko, Gahigi ngirango, nawe urumva, ntekereza ko,...

Gaspard GAHIGI

Urakoze Ananiya, naraye numvise ijamba, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine yaraye agejeje ku banyarwanda yavuze kuri abo basirikare b'abanyabwoba, iyo umusirikare aje akavuga ati «nimuhunge», ahunga ari umusirikare afite imbunda, afite «tenu», ya myenda ya gisirikare, nta muturage udahunga. Nicyo gituma rero njye, nshyigikiye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine, uvuga ko abasirikare nk'abo atari abasirikare. Ko ahubwo *Etat Major* ikwiye gukora uko ishoboye, abo bantu, bakabashungura. Kuko iyi ntambara tugezemo, uhunze uri umusirikare, nta cyatuma umusivili adahunga. Nicyo gituma rero nshyigikiye koko ibyo Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yaraye avuze, ko abasirikare nk'abo barwara ubwoba, nk'uwo wagiye akaryama, bakarinda bamuvumbura nta ki, nta nko... nta bukomere afite, ibyo bintu ntabwo twabishyigikira, nkagira ngo mbonereho gushimira ingabo z'u Rwanda nshimire abasore, n'ubwo bose babita «Interahamwe» muri iki gihe ariko ni abasore b'u Rwanda bo (interruption). Mfite ilisite yabo, narayinetse ndayitaka, aho ugiye (...)

Kantano HIBAMANA

... wowe uzaba umugabo, utunge urugo, ushake umugore, ubyare abana, hanyuma noneho abo bose, babe bari ku mugongo wawe, inzara nitera ubahahire, intambara nitera ubarwanire. Ngicyo icyo Imana iremera umugabo, ikamutandukanya n'umugore, ntabwo iba yabikoreye gusa kwikinira, cyangwa se, umwe imuhe ibi n'ibi, bitandukanye n'ibindi ibi n'ibi ikina, ni uko umugabo nyine aba agomba kuba umugabo. Ariko rero niba ibintu bikomeye cyane, umugore nawe ashobora kuba umugabo, ni ukuvuga mu bitekerezo no mu migirire.

Abumva, radiyo rero yigenga, RTL, kuri uyu wa gatandatu, itariki ya kane z'ukwezi kwa gatandatu igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, turabashuhije mwese, tubifuriza amahoro, n'ubwo Inyenzi-Inkotanyi zo zitayashaka, n'abazishyigikiye, aribo ba Museveni, n'Ababirigi, hanyuma, n'abandi bandi bose, bifuzaga yuko uru Rwanda, rutagira amahoro! Ibyo aribyo byose Imana nibishaka, tuzatsinda kandi amahoro agaruke mu Rwanda, kandi iyo umuntu abirebye, iyo umuntu agenda abireba abisuzuma, asanga mu by'ukuri, bitari, bitari kure, bitari kure...na gato.

Mwaramutse mute se aho iwanyu? Byifashe bite? Hano i Kigali mu by'ukuri... haramutse ijoro rituje, uretse abantu nyine, abantu bari kuri za bariyeri bafite imbunda, mbese wagirango ntibarara, ijoro ntiryacya badaturikije, abongabo rero nibo batuma umuntu agira yenda nk'agatima gahagaze buke, nyuma amasasu yaceceka umuntu akumva aruhutse, ariko ndakeka yuko baba bagira ngo Inkotanyi nyine bazumvishe yuko bahagaze neza kuri bariyeri, ariko rero mu by'ukuri, ayo masasu bapfusha ubusa, tuba tuyakeneye, ubundi mu by'ukuri ntawagombye kurasa icyo atabona, kuko iyo umuntu ara... arashe icyo atabona, urebye, ni ubuhubutsi, ntabwo ari ngombwa rero kurasa, icyo umuntu abonye cyose, icyo wikanze, umuntu arasa, icyo abona.

Mu by'ukuri rero, urebye i Kigali haramutse ijoro ryi... aha, ijoro rya, yije neza, uretse, ko nyine ryari igikara hari umwijima ukaze, hanyuma, nko mu gihe cya saa kumi n'imwe niho, umuntu yumvise ibisasu bya kabutindi, ibisasu bya karahabutaka by'ingabo z'u Rwanda, byajyaga gukangura

Inkotanyi, aho zisinziye, mu myobo, aho zagize indiri hariya mu ntoki za Gisozi, za Kicukiro, mbese mu nkengero zose z'umujyi, na hariya za Rebero. Ibyo bibombe rero, bizitiraho zigisinziye dore ko umunaniro wazishe, ubwo noneho ntihaburamo izipfamo, nka makumyabiri nuko, ubwo bakaba barekeye aho!

Ariko rero mu kanya maze kumenya yuko amakuru y'imirwano, maze kumenya yuko muri iki gitondo, nko mu ma saa kumi, Inyenzi-Inkotanyi, zongeye gutera ahari ingabo z'u Rwanda, ku Kivugiza, hanyuma noneho barasakirana barasakirana, kugeza n'ubu rero bakaba, barimo bakirasana, ariko iyo urebye, mbajije abasirikare bamwe, barimo banganiriza mbabaza nti ese, ubwo barimo banterefona, noneho ndababaza ese murabona Inkotanyi, zimeze gute koko muby'ukuri? Bati «umva», mu by'ukuri, Inkotanyi, ziri mu mazu y'abaturage hano ku Kivugiza, zanze kuvamo, ariko rero, nta ngufu zifite, ni ugupfa guhanyanyaza nyine by'ubukotanyi, byo gukomeza kuruhanya, ngo ntizigiye nuko ikajya mu nzu, ikizirikiramo, iti iyi nzu ubwo ari iy'umuturage ntibayisenya, nuko wayikubitaho igisasu cya, yasenyuka ikongera ikimukira mu yindi, ariko ugasanga nyine ari ibintu byo kuvuga ngo «Bon» ngo jyewe Inkotanyi ndahari, ngo ngo ngo ntabwo, ngo, mbese, ikintu cyo kuvuga gusa ngo ndahari ndahari, nuko. Ibyo rero ugasanga nyine ari ibintu byo kuruhanya by'Inkotanyi, ni nka biriya ngo ngo jyewe Inkotanyi, ngo ubungubu ngo ndi i Ntongwe ! Ngo jyewe Inkotanyi ndi, ndi mu Mayaga ndi i Ntyazo, ngo jyewe Inkotanyi nageze i Muyaga, jyewe Inkotanyi nageze i Muyira, jyewe Inkotanyi nageze i Butare, jyewe Inkotanyi ndi i Nyanza, ariko wareba izo Inkotanyi zihari, ugasanga ni inkotanyi zibunza izina gusa, n'ubugome birumvikana kuko, icyo zihitanye ziragihitana, n'ubugome bwinshi rero ugasanga zibubunza, ariko ubundi, ntabwo ari Inkotanyi ziba zikanganye, ntabwo ari... ku buryo nyine usanga gusa ari ukujagata no kujarajara, ibyo bintu bya politiki ya serwakira nyine ugasanga nibyo bihungisha abantu igitero, imisozi yose ikagenda, abantu bose bagakuka umutima, ariko ari ibintu gusa byo kuvuga ngo ndi hano, by'Inkotanyi nyine, kurasa udusasu hirya no hino, ugasanga nta kintu bimaze.

Mu kanya maze kubonana n'umuntu uvuye i Gitarama, wanyuze i Gitarama ejo saa moya z'ijoro,

akaba yageze hano mu gitondo, yageze hano mu gitondo, tubonanye nonaha mu gitondo, noneho mubaza, rwose iby'i Gitarama kugira ngo ambwire neza, uko bimeze. Mu by'ukuri, arambwiye ati umva jyewe, naje mva ku Gisenyi nyura mu muji wa Gitarama, hari umuntu nari ngiye gushaka. Ati ariko, abantu bakagenda bambwira bati «winyura i Gitarama ibintu byacitse». Ati ariko ndakomeza ndagenda, ngera mu muji wa Gitarama. Nsanga abasirikare barahagaze, barimo baribaza ese, aba bantu bo bagiye hehe? Baribaza, aho abaturage bagiye. Abasirikare, baruzuye mu mugwi wa Gitarama, baribaza aho abaturage bagiye. Kuko bagiye batabazeyeho! Abagiye abasirikare atari bo bababwiye bati mugende ! Noneho ndamubaza nti ese imirwano, yaba imeze ite koko, ko warebye neza? Ati «muby'ukuri uretse, udusasu duke, numvise i Kabgayi, i Kabgayi, ahagana ha handi ku... abanyura i Kabgayi murabona ku marimbi, muzi ko Inkotanyi zikunda ahantu hari ishyamba, ku marimbi, e, ku irimbi ry'Abapadiri, hahandi mu ishyamba ry'i Kabgayi, niho Udukotanyi turi. Noneho, ati «nagerageje kubaza rero uko izo nkotanyi zahaje» Ati «mu by'ukuri, i Kabgayi hari ibyitso byinshi by'iInkotanyi, abaturage basanzwe, noneho inkotanyi gusa ikintu zakoze, ni ukubashyikiriza imbunda». Haje nk'Inkotanyi makumyabiri, mirongo itatu, cyangwa se tuvuge mirongo itanu noneho zishyikiriza ibyo byitso imbunda, noneho batangiyeye kurasa, bumva Inkotanyi, zabaye nyinshi.

Nguko uko abaturage bahunze i Gitarama hanyuma rero nanone, igishekeje muri ibyo, nuko hari abaturage b'i Gitarama, bahunze urusaku rw'imbunda zacu! Wumve nawe ! Bya bibunda by'ingabo z'u Rwanda, bimwe birasa imisozi igatingita, bimwe birasa ubutaka buga, buga bukajya hejuru, ibyo bibunda byarakubise, bati ntabyo noneho inkotanyi, ibintu zizanye zizanye ntabwo ari ibintu by'i Rwanda, naho ubwo, ni ibibunda byacu, byasenyaguraga Inkotanyi, aho zari ziremye agatsiko i Kabgayi, mu nzu, y'umuntu witwa, bambwiye yuko ari uwitwa, aba ari Tarisisi, naba ari Narisisi! Nuko ahantu mu kantu ka «cave», aho zari zirunze, noneho basekuramo urwo rurasu, runini cyane rwa kabutindi, ino i Kigali, mujya murwumva mu gitondo iyo ru... iyo ru... ruhagurutse ugira ngo n'ijuru birajyanye, hanyuma nuko abantu bati «ya!» Bati «icyo ni ikibunda cy'Inkotanyi». Ugasanga rero kutamenya gutandukanya ibintu, nabyo ari akaga, nuko abantu baba bashize muri Gitarama, ubungubu, barimo barirukanka bagana za Kibuye.

Ariko rero ndashimira nanone abantu bari mu nzira, birukanka bagana i Kigali, kuko nk'uko twababwiraga twababwiraga tuti mwa bantu mwe murata Kigali, ngo mugiyeye i Gitarama Inkotanyi ko muzi ukuntu zikora, ko kamwe kanyegera, gafite morutsiye, n'undi akari inyuma n'inzara n'iki, n'ibijumba mu mifuka byokeje, akagenda yagera ahantu ho bamubwiye, bati «uzaturikirize ahangaha abantu biruke», umunsi byaturikiye i Gitarama muzajya he! Nibyo byabaye rero koko, baraje baturikiriza i Gitarama, utwo tuntu twabo, badaturikije, abantu barongera barahambira ngo bagannye iya Kibuye. Abandi ngo bagannye iya Gisenyi. Abandi ngo bagannye iya Cyangugu. Abandi bagannye iya Butare. Nyamara, Inkotanyi nazo mu guhimana, zizongera zibakurikirane, ntihazabura kamwe kihisha, kagenda muri «cercueil», kagenda he! Kihishe kagende kanambire hafi y'i Butare, gaturitse ikindi kintu ! nanone mwongere mwiruke! Kongere gakurikire, nikagera i Kamembe gaturitse ikindi, mwirohe mu Kivu! Ubwo se amaherezo muzagenda, muzahunga Inkotanyi muzageza he? Turashimira rero abantu, bari mu nzira bagaruka i Kigali, benshi cyane, bambwiye yuko, kubera nyine impamvu zumvikana, nta modoka bashobora kubona, ariko ubu barimwo baraza n'amaguru, baza gusanga ibyabo, bataye, nta mpamvu kuko ibi bibazo...

Fin de la cassette